

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA UBURYO AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU YUBAHIRIZWA MU NZEGO Z'ABIKORERA</b></p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N° 005/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING MODALITIES FOR THE IMPLEMENTATION OF WORKING HOURS A WEEK IN THE PRIVATE SECTOR</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE MISE EN APPLICATION DES HEURES DE TRAVAIL PAR SEMAINE DANS LE SECTEUR PRIVÉ</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</b></p>	<p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Order</b></p>	<p><b><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Uko amasaha y'akazi afatwa</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Consideration given to working hours</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Considération des heures de travail</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Impamvu zo gukora amasaha y'ikirenga</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Reasons for working overtime</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Motifs pour travailler des heures supplémentaires</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Kubara no kwandika amasaha y'ikirenga</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Calculation and recording of hours of overtime</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Calcul et enregistrement des heures supplémentaires</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Gukora amasaha atakozwe</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Compensation for non-worked hours</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Compensation des heures non travaillées</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Kwishyura amasaha y'ikirenga</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Payment of overtime</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Paiement des heures supplémentaires</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Kubara umushahara w'amasaha y'ikirenga</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Calculation of salary for the overtime</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Calcul du salaire pour des heures supplémentaires</b></p>

<b><u>Ingingo ya 8:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b>	<b><u>Article 8:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 8:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 9:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 9:</u> Entrée en vigueur</b>

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA UBURYO AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU YUBAHIRIZWA MU NZEGO Z'ABIKORERA</b></p> <p><b>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04/19.19 ryo ku wa 17/09/2009 rigena uburyo bwo kubahiriza amasaha y'akazi mu cyumweru mu nzego z'abikorera;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>ATEGETSE:</b></p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N° 005/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING MODALITIES FOR THE IMPLEMENTATION OF WORKING HOURS A WEEK IN THE PRIVATE SECTOR</b></p> <p><b>The Minister of Public Service and Labour;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 43;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 04/19.19 of 17/09/2009 determining the modalities for application of the weekly working hours in the private sector;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p> <p><b>ORDERS:</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE MISE EN APPLICATION DES HEURES DE TRAVAIL PAR SEMAINE DANS LE SECTEUR PRIVÉ</b></p> <p><b>Le Ministre de la Fonction Publique du Travail;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 43;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 04/19.19 du 17/09/2009 déterminant les modalités d'application de la durée hebdomadaire du travail dans le secteur privé;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p> <p><b>ARRÊTE:</b></p>
----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p> <p>Iri teka rigena uburyo amasaha y’akazi mu cyumweru yubahirizwa mu nzego z’abikorera.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Uko amasaha y’akazi afatwa</u></b></p> <p>Amasaha y’akazi yakozwe ku manywa, mu ijoro, ku munsu w’ikiruhuko rusange cyangwa ku munsu w’imperera z’icyumweru ni amwe kandi ahemberwa kimwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Impamvu zo gukora amasaha y’ikirenga</u></b></p> <p>Umukozi ashobora, mu gihe bisabwe n’umukoresha, gukora amasaha y’ikirenga iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° umurimo wihutirwa;</li> <li>2° umurimo udasanze;</li> <li>3° umurimo ujyana n’ibihe by’umwaka;</li> <li>4° umurimo ukorwa kugira ngo umusaruro utangirika cyangwa urusheho kwiyongera;</li> </ol>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p> <p>This Order determines the modalities for the implementation of working hours in a week in the private sector.</p> <p><b><u>Article 2: Consideration given to working hours</u></b></p> <p>Hours worked for during the day, night, on an official holiday or during the weekend are the same and remunerated equally.</p> <p><b><u>Article 3: Reasons for working overtime</u></b></p> <p>An employee may, upon request by the employer, work overtime if:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° the work requires urgency;</li> <li>2° the work is exceptional;</li> <li>3° the work is seasonal;</li> <li>4° the work is done to preserve or increase productivity;</li> </ol>	<p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p> <p>Le présent arrêté détermine les modalités de mise en application des heures de travail par semaine dans le secteur privé.</p> <p><b><u>Article 2: Considération des heures de travail</u></b></p> <p>Les heures de travail accomplies pendant la journée, la nuit, à un jour férié ou durant le weekend sont les mêmes et sont rétribuées à une même rémunération.</p> <p><b><u>Article 3: Motifs pour travailler des heures supplémentaires</u></b></p> <p>Un travailleur peut, à la demande de l’employeur, effectuer des heures supplémentaires si:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° le travail nécessite l’urgence;</li> <li>2° le travail est exceptionnel;</li> <li>3° le travail est saisonnier;</li> <li>4° le travail est effectué pour protéger ou augmenter la productivité;</li> </ol>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>5° umurimo ufite imiterere yihariye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Kubara no kwandika amasaha y'ikirenga</u></b></p> <p>Amasaha y'ikirenga abarwa mu buryo bukurikira:</p> <p>1° amasaha yakozwe nyuma y'amasaha mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru;</p> <p>2° amasaha yakozwe nyuma y'amasaha y'akazi ateganyijwe mu ngengabihe y'akazi, mu gihe iteganya amasaha ari munsu ya mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru;</p> <p>3° amasaha yakozwe nyuma y'amasaha y'akazi ateganyijwe mu masezerano y'umurimo, mu gihe amasezerano ateganya amasaha ari munsu y'amasaha mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru.</p> <p>Umukoresha yandika amasaha n'iminsi by'ikirenga mu gitabo cyabugenewe cyangwa mu buryo bw'ikorabuhanga, umukozi akabyemeza n'umukono we cyangwa akoresheje ubundi buryo</p>	<p>5° the work is of a special nature.</p> <p><b><u>Article 4: Calculation and recording of hours of overtime</u></b></p> <p>Hours of overtime are calculated as follows:</p> <p>1° hours worked for after forty five (45) hours per week;</p> <p>2° hours worked for after the working hours stated in working timetable, in case the working hours specified are below forty five (45) hours in a week;</p> <p>3° hours worked for after the working hours stated in the employment contract, in case the working hours specified in such contract are below forty five (45) hours in a week.</p> <p>The employer records the hours and days of overtime in an appropriate register or electronically and, the employee affirms the records by appending his or her signature or through other electronic means determined by the employer.</p>	<p>5° le travail est de nature particulière.</p> <p><b><u>Article 4: Calcul et enregistrement des heures supplémentaires</u></b></p> <p>Les heures supplémentaires sont calculées comme suit:</p> <p>1° des heures effectuées après les quarante-cinq (45) heures par semaine;</p> <p>2° des heures effectuées après les heures de travail prévues dans l'horaire de travail, au cas où les heures de travail prévues sont inférieures à quarante-cinq (45) heures par semaine;</p> <p>3° des heures effectuées après les heures de travail prévues dans le contrat de travail, au cas où les heures de travail spécifiées dans le contrat sont inférieures à quarante-cinq (45) heures par semaine.</p> <p>L'employeur enregistre les heures et les jours supplémentaires prestés dans un registre prévu à cet effet ou électroniquement et, l'employé confirme ces enregistrements en y apposant sa</p>
--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>bw'ikoranabuhanga bwagenwe n'umukoresha.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Gukora amasaha atakozwe</u></b></p> <p>Mu gihe akazi k'ikigo kahagaritswe bitewe n'impanuka, ibura ry'ingufu zikoreshwa, ibihe bitameze neza, ibiza, ibura ry'ibikoresho cyangwa ibura ry'uburyo bwo kubitwara, umushahara ntugabanywa ahubwo amasaha atarakozwe ashobora kwishyurwa hakorwa amasaha y'ikirenga. Icyakora, umukoresha ntashobora gusaba umukozi gukora amasaha atarakozwe, iyo atamuhaye uburenganzira bwo kuva ku kazi.</p> <p>Amasaha atarakozwe arihwa hongerwa amasaha ku minsi y'akazi isanzwe, ibyo bigakorwa mu gihe cy'icyumweru cyangwa ibyumweru bikurikira ihagarikwa ry'imirimu mu gihe kitarenga iminsi mirongo itatu (30).</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Kwishyura amasaha y'ikirenga</u></b></p> <p>Umukozi ukoze amasaha y'ikirenga afite uburenganzira ku kiruhuko kingana n'amasaha y'ikirenga yakoze mu gihe</p>	<p><b><u>Article 5: Compensation for non-worked hours</u></b></p> <p>In case the work of the enterprise is interrupted due to an accident, power shortage, unfavourable weather conditions, disaster, shortage of materials or means for their transportation, the salary is not deducted, instead non-worked hours may be recovered by working for extra hours. However, an employer cannot request an employee to compensate non-worked hours, if he or she did not authorise the employee to leave the workplace.</p> <p>Non-worked hours are compensated by extending the normal working hours during the week or weeks immediately following the interruption within a period not exceeding thirty (30) days.</p> <p><b><u>Article 6: Payment of overtime</u></b></p> <p>An employee who works overtime is entitled to a rest period equal to the extra hours performed within a period not exceeding</p>	<p>signature ou par tout autre moyen électronique déterminé par l'employeur.</p> <p><b><u>Article 5: Compensation des heures non travaillées</u></b></p> <p>En cas d'interruption d'activités de l'entreprise suite aux motifs d'accidents, de déficit énergétique, d'intempérie, de catastrophe, de pénurie de matériaux ou de moyen de transport de ces derniers, le salaire n'est pas déduit mais les heures non travaillées peuvent être récupérées en travaillant des heures supplémentaires. Toutefois, un employeur ne peut pas demander à un travailleur de compenser les heures non travaillées lorsqu'il n'a pas autorisé celui-ci à quitter le lieu du travail.</p> <p>Les heures non travaillées sont compensées par prolongation de l'horaire normal des jours ouvrables pendant la semaine ou les semaines consécutives à l'interruption, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.</p> <p><b><u>Article 6: Paiement des heures supplémentaires</u></b></p> <p>Un travailleur qui fait des heures supplémentaires a droit à une période de repos égale aux heures supplémentaires</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>kitarenze iminsi mironko itatu (30) ibarwa uherye igihe yakoreyeho amasaha y'ikirenga.</p> <p>Icyakora, amasaha y'ikirenga adatangirwe ikiruhuko mu gihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahemberwa mu kwezi gukurikiyeho kandi akagaragara ku rupapuro ruhemberwaho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Kubara umushahara w'amasaha y'ikirenga</u></b></p> <p>Umushahara ubarirwaho igihembo cy'amasaha y'ikirenga ni umushahara mbumbe w'umukozi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></b></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 04/19.19 ryo ku wa 17/09/2009 rigena uburyo bwo kubahiriza amasaha y'akazi mu cyumweru mu nzego z'abikorera n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p>thirty (30) days from the date he or she worked the overtime.</p> <p>However, extra hours for which the compensatory rest period is not granted within the period provided for in Paragraph One of this Article are paid for in the next month and appear on the payslip.</p> <p><b><u>Article 7: Calculation of salary for the overtime</u></b></p> <p>The salary on which the overtime salary is calculated is the gross salary of an employee.</p> <p><b><u>Article 8: Repealing provision</u></b></p> <p>Ministerial Order n° 04/19.19 of 17/09/2009 determining the modalities for application of the weekly working hours in the private sector and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p>	<p>travaillées dans un délai n'excédant pas trente jours (30) à compter de la date à laquelle il a fait les heures supplémentaires.</p> <p>Toutefois, les heures supplémentaires pour lesquelles la récupération sous forme de repos n'est pas accordée dans le délai prévu à l'alinéa premier du présent article sont rémunérées sur le salaire du mois suivant et apparaissent sur le bulletin de paie.</p> <p><b><u>Article 7: Calcul du salaire pour des heures supplémentaires</u></b></p> <p>Le salaire qui sert de base pour le calcul du salaire pour les heures supplémentaires est le salaire brut du travailleur.</p> <p><b><u>Article 8: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>L'Arrêté Ministériel n° 04/19.19 du 17/09/2009 déterminant les modalités d'application de la durée hebdomadaire du travail dans le secteur privé ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p>
--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><b><u>Ingingo ya 9: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 9: Commencement</u></b></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 9: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p><b>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan</b> Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p><b>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan</b> Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p><b>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan</b> Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p><b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</b></p> <p>(sé)</p> <p><b>BUSINGYE Johnston</b> Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p><b>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</b></p> <p>(sé)</p> <p><b>BUSINGYE Johnston</b> Minister of Justice/Attorney General</p>	<p><b>Vu et scellé du Sceau de la République:</b></p> <p>(sé)</p> <p><b>BUSINGYE Johnston</b> Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>